KU WA GATATU TARIKI YA 6 WERURWE 2019 MUSENYERI YOHANI MARIYA VIYANI NSENGUMUREMYI YAHAWE IGIHEMBO KITIRIWE MUSENYERI ALOYS BIGIRUMWAMI

Itariki yo ku wa 6 Werurwe 2019 ni itariki itazibagirana mu mateka ya Mgr Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI, mu mateka ya Universté Catholique du Rwanda ndetse by'umwihariko mu mateka ya Diyosezi ya Nyundo.

Hari saa cyenda (15h30'), muri Centre Saint Vincent Palloti i Gikondo (Kigali) ubwo hatangiraga imihango yatangiwemo igihembo "**PRIX Mgr ALOYS BIGIRUMWAMI HONORIS CAUSA – DISTINCTION: Education Catholique et Inculturation de la Foi**". Uyu muhango warubaye ku nshuro yawo ya mbere mu mateka yawo wateguwe na Universté Catholique du Rwanda (CUR). Igihembo cyahawe Nyakubahwa Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo.

Umuntu ntiyabura kwibaza ati "*Uyu muhango ufite gaciro ki? Ni kuki igihembo kitiriwe Mgr Aloys BIGIRUMWAMI ntikitiririrwe undi? Mgr JMV NSENGUMUREMYI wagihawe ni muntu ki kandi kuki ari we watoranijwe? Ese iki gihembo kivuze iki kuri Diyosezi ya Nyundo no mu burezi Gatolika? Universté Catholique du Rwanda ni iki, umwihariko wa yo ni uwuhe?*" Umuntu yakwibaza n'ibindi bibazo byinshi.

1. **Igihembo kitiriwe Mgr Aloys BIGIRUMWAMI**

Tumenyereye kumva igihembo kitiriwe uwitwa Nobel gihabwa abantu babaye indashyikirwa ku isi mu bikorwa runaka, by'umwihariko mu guharanira amahoro no mu kwitangira abandi. Igihembo kitiriwe Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI cyateguwe na Universté Catholique du Rwanda (CUR) kizajya gihabwa umuntu witangiye Uburezi Gatolika no guhuza Umuco n'Ivanjili nk'uko Nyiricyubahiro

Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI, Umwepisikopi wa mbere wa Diyosezi ya Nyundo; akaba kandi n'Umwepiskopi wa mbere w'umwirabura muri Afrika yo hagati yakoronijwe n'Ababiligi (Rwanda, Burundi na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo) yabyitangiye.

Universté Catholique du Rwanda (CUR) ni rimwe mu mashuri Gatolika yo mu Rwanda. Twibutse ko Ishuri Gatolika ari ishuri ryashinzwe na Kiliziya Gatolika hagamijwe **gukomeza umurimo wa Kristu wo kwigisha**. Ishuri Gatolika rigamije gutanga ubumenyi n'uburere buhamye ryita ku mubiri, ubwenge, umutima na roho kandi rirebeye kuri Yezu Kristu Umwigisha mukuru n'umurezi n'urumuri rw'isi. Iyi **Universté Catholique du Rwanda (CUR)** ifite umwihariko wo kugira **ishami ryigisha Gatigisimu n'ubumenyi mu iyobokamana**; bityo rikagira umwihariko wo gutegura abarimu bizewe bo kwigisha isomo ry'iyobokamana bafite **ubumenyi** bwa ngombwa, **ukwemera** kwa gikristu guhamye n'**indangagaciro** za kimuntu n'iza gikristu. Iri shuri rero kimwe n'andi gatolika ryashinzwe ngo risohoze ubutumwa bwa Kiliziya. Iki gihembo kikaba kije guhesha ishema Mgr Aloys BIGIRUMWAMI witangiye uburezi muri Diyosezi ye ya Nyundo bigeza n'aho agira uruhare mu ishingwa ry'ishuri rya Kristu Umwami ryari mu yindi Diyosezi atari ashinzwe ya Kabgayi; ibi bigaragaza ishyaka yari afitiye Kiliziya y'isi yose. Igihembo kitiriwe Mgr Aloys BIGIRUMWAMI cyashyiriweho rero guhesha ishema n'icyubahiro abantu bitangira Uburezi Gatolika, muri rusange ni uguhesha ishema bantu bose bitangira uburere n'uburezi bifite ireme biherekejwe n'Ivanjili. Iryo shema n'icyubahiro ku nshuro ya mbere mu mwaka wa 2019 byegukanywe na Nyakubahwa Mgr Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI ritaha ku Nyundo.

2. Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI ni muntu ki?

Nk'uko twabigejejweho na Mgr Gabin, Igisonga cy'Umwepisikopi wa Ruhengeri akaba anashinzwe uburezi Gatolika muri iyo Diyosezi, **Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI** yavutse ku wa 8/7/1959 avukira muri Misiyoni ya Shangi (ubu ni Paruwasi Shangi) yabarirwaga muri Nyundo. Yabatijwe ku wa 7/8/2019 aho i Shangi. Yize Seminari Nto ku Nyundo na ho Seminari Nkuru ayiga ku Nyundo, i Bujumbura n'i Nyakibanda. Aho aherewe ubupadiri yabaye Padiri wungirije i Busasamana, aba Umunyakigega wa Diyosezi, nyuma aba Padiri Mukuru wa Kivumu, Busasamana na Gisenyi. Ubu **amaze imyaka 22 muri Service y'Uburezi Gatolika;** ni Igisonga cy'**Umwepisikopi wa Nyundo** kuva ku bwa Mgr Alexis HABIYAMBERE, ashinzwe kandi **Ibiro bya Diyosezi Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu. Kugeza ubu akaba ari**

akibishinzwe kandi akomeje kuba Igisonga cy'Umwepiskopi wa Nyundo, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA.

Uyu muhango wo gushyikiriza Musenyeri NSENGUMUREMYI igihembo cyitirwe Mgr Aloys Bigirumwami, wari witabiriwe n'Abayobozi ba Kiliziya barimo: Nyiricyubahiro **Mgr Philippe RUKAMBA**, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda akaba kandi na Perezida wa Komisiyo Ishinzwe uburezi Gatolika mu Rwanda; Nyiricyubahiro **Mgr Antoine KAMBANDA,** Arkiyepiskopi wa Kigali ufite mu nshingano ze Komisiyo Ishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu ; Nyiricyubahiro **Mgr Anaclet MWUMVANEZA,** Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo aho igihembo cyatashye akaba n'umwe mu basimbura ba Mgr Aloys BIGIRUMWAMI. Hari kandi n'**Ubuyobozi bwa CUR Mgr GAHIZI Jean Marie Vianney** akaba n'Igisonga cy'Umwepiskopi wa Butare; hari kandi na **Padiri Adrien NTABONA,** Umushakashatsi n'Umwarimu mu gihugu cy'u Burundi, ndetse wanditse no kuri Mgr Aloys BIGIRUMWAMI. Abari bitabiriye uyu muhango cyane cyane abafashe umwanya wo kugira icyo bavuga kuri Mgr Yohani Mariya Viyani bamugaragaje nk'umuntu ukunda Kiliziya, umuntu ukunda uburezi kandi ubwitangira kimwe n'ubundi butumwa bwose ahawe ko abukorana ishyaka n'umurava; umuntu ubana neza n'abandi kandi akamenya kubasusurutsa no kubabwira akamuri ku mutima.

Igihembo Mgr NSENGUMUREMYI Yohani Mariya Viyani yahawe, kuba yaragihawe na Univeristé, kimugira umwarimu w'inararibonye abandi baza kwigiraho, nk'uko yahise aha isomo abari mu cyumba ahereye ku buzima bwe n'ubunararibonye asanganywe yagize ati: "*No mu bihe bikomeye, dukore twizeye kugira icyo tugeraho kuko bishoboka; ibihe bikomeye ntibikatugamburuze; turerere Imana n'igihugu*".

Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI ni umuntu uzi kubana ntiyibagirwa abo bakoranye, abo babanye mu bihe bikomeye no mu bihe bisanzwe kandi ntiyirengagiza umuryango avukamo.

Mu kumushyikiriza iki gihembo, ubuyobozi bwa Catholic University of Rwanda (CUR) bwamushimiye ko yita ku Burezi Gatolika muri rusange, akita no ku **Isomo ry'Iyobokamana by'umwihariko.** Abo bayobozi n'abarezi bamushimiye ko kuva bagira igitekerezo cyo gukora ubushakashatsi ku isomo ry'iyobokamana mu mashuri Gatolika guhera mu mwaka wa 2016 atigeze abatererana. Inama zose bamutumiyemo yarazitabiriye atazikererewe, kandi ngo ibyifuzo n'ibyemezo byafatwaga ntiyazuyazaga kubishyira mu bikorwa; yahitaga abigerageza.

Mu gihe cy'ubushakashatsi Musenyeri NSENGUMUREMYI yakiraga abashakashatsi byihuse kandi akababaha impapuro n'ababayobora mu bigo by'amashuri. Igihe igice cya mbere cy'ubushakashatsi kirangiriye, bihereye muri Zone ya Gisenyi abereye umuyobozi w'Ibiro Bishinzwe Iyobokamana, bihutiye gushyiraho **Ihuriro ry'abarimu bigisha isomo ry'iyobokamana** nk'umwe mu miti yari yatanzwe n'ubushakashatsi ku isomo ry'iyobokamana. Abayobozi bavuze ko bamuhaye "**PRIX Mgr ALOYS BIGIRUMWAMI HONORIS CAUSA – DISTINCTION: Education Catholique et Inculturation de la Foi**" mu rwego rwo kumushimira no kumugaragariza umwanya w'icyubahiro akwiye mu burezi Gatolika.

Mu ijambo rye, Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI, yashimiye Mgr Aloys BIGIRUMWAMI witangiye Uburezi Gatolika ashinga amashuri, akamenya guhuza umuco nyarwanda n'iyobokamana kandi akamenya kujyanisha ubwigishwa no kwigisha gusoma no kwandika ku buryo umwigishwa wese (aho yabaga i Muramba) yahabwaga Batisimu yamenye gusoma no kwandika. Munsenyeri JMV yashimiye kandi abasimbura ba Mgr Aloys

BIGIRUMWAMI ko bakomeje kwita ku murimo yatangije. Musenyeri yashimiye ubuyobozi bwa Catholic University of Rwanda (CUR) ku gihembo cy'umwaka wa 2019 bamugeneye n'uruhare bafite mu gushaka icyateza imbere isomo ry'iyobokamana avuga ko iryo shimo rimwongereye imbaraga. Musenyeri yashimiye kandi abo bakoranye n'abo bakorana mu Biro bishinzwe Uburezi Gatolika no mu Biro bya Diyosezi Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu, ndetse yanongeyeho ko abatuye icyo gihembo, ishema n'icyubahiro cya Diyosezi ya Nyundo, kuko ngo na bo bagize uruhare ngo kiboneke.

3. Isomo twakura muri iki gihembo

Burya kurera ni umurimo ukorwa mu rukundo, mu kwihangana no mu bwitange butarambirwa. None rero niba Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI yarabiharaniye mu gihe cye n'ubu tukaba turi gusarura imbuto zabyo: Twese abafatanya na Kiliziya mu murimo wo kurera no kujijura (Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri Gatolika, abarimu n'abasaseridoti) turusheho kunoza umurimo duhamagariwe wo kurerera Imana na Kiliziya. Ingorane duhura na zo ntizikatugamburuze mu muhamagaro twiyemeje wo kurera no kujijura. Kwiga ni ukwigana bikaba byagera naho wavumbura ibishya ariko uhereye ku byo wabonye; cyane cyane wabonanye ababikora babyishimiye kandi babikundisha abandi. Tuzaterwe ishema twese abari mu burezi no kubona abo twareze biteza imbere ubwabo, bateza imbere Kiliziya yacu n'Igihugu cyacu muri rusange.

Mwese abitangira uburezi bufite ireme mugamije kurera no kujijura muhorane amahoro y'Imana.

HAKIZIMANA Jean d'Amour,

Umukangurambaga wa Diyosezi

Ushinzwe iyobokamana na Gatigisimu muri zone ya Gisenyi